REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 11/09/1997

Bwana Muyobozi w'Urubyiruko
muri MIJESCAFOP
KIGALI

IMPAMVU :
Raporo y'ibyakozwe mu mwaka wa 1997

Bwana Muyobozi w'Urubyiruko nkuko bisanzwe bigenda buri mwaka, buri rwego rw'umurimo twohereza raporo yerekana uko imirimo yagenze, ibyagezweho, ingorane zavutse n'ibyifuzo, kureba ibyakorwa kugirango imirimo igende neza.

Nkuko byifujwe ntanze iyi Raporo mpereye ku byagezweho, kuva muri Mutarama kugeza muri Kanama 1997. Ntangiye mbasobanurira iyi miryango y'urubyiruko uko yifashe n'ibikorwa byayo yagezeho murayo mezi umunani nkuko bivugwa hejuru. Nkuko nange nshinzwe gukurikirana ibikorwa by'iyo miryango y'urubyiruko ikorera mu maperefegitura yose y'uRwanda ariyo ikurikira :

1. Umuryango w'Abaskuti (A.S.R.)
2. Umuryango w'Abajoke (J.O.C.)
3. Umuryango w'Abagide (A.G.R.)
4. Umuryango w'Abasaveri (Xaveri)
5. Umuryango wa Y.M.C.A.
6. Umuryango wa Enfance Rwanda (Turerere u Rwanda)
7. Umuryango wa AJEMAC
8. Umuryango utabara imbabare mu Rwanda (C.R.R.J)
9. Umuryango wa RYSBOC
10. Umuryango uharanira kurenganura no gutez'imbere urubyiruko rwacitse ku icumu n'itsembatsemba (A.J.R.G.E.) WISHAVURA
11. Umuryango wa JeunesseEtudiante Chrétienne du Rwanda (J.E.C.)
12. Umuryango wa Jeunesse pour Christ au Rwanda (J.P.C.R.)
13. Umuryango wa Pan African Youth Movement (P.A.Y.M.)
14. Umuryango wa Martin Luther King (M.L.K.L.).
15. Umuryango wa Assemblée de la Jeunesse musulmane au Rwanda (AJMR)

UMURYANGO W'ABASKUTI MU RWANDA (A.S.R.)

N'umuryango udaharanira inyungu, ikicaro cyawo kiri i NYAMIRAMBO, ugizwe ahanini n'urubyiruko rw'imyaka 8 - 25.N'umuryango ufite ubuzimagatozi, wemewe mu rwanda muri 1968, ukaba ukorera hose mu Rwanda.
Umuryango w'urubyiruko rw'Abaskuti witwa CENTRE SCOUT-RURAL DEVELOPMENT (C.S.R.D.) Komini : MUDASOMWA - GIKONGORO

Urwo rubyiruko ruhinga ibikurikira :

- Ibirayi
- Ibigori
- Ibishyimbo
- Imboga
- Borora ihene, inkoko n'ikwavu
- Bafite ishyirahamwe ry'ababyinnyi n'abaririmbyi
- Barera imfubyi 25 zirimo abaskuti
- Hari imfubyi 23 ziri mu miryango
- Hari 40 ziri hanze
- Bafite ishuri ryigisha gusoma no kwandika
- Bafite project construction Latrine, mu buryo bwo kurwanya umwanda mu baturage.

ABAGIRANEZA BABATEYE INKUNGA :

- Mme Tereza Centre de Santé w'i MBUGA yabaguriye ingoma
- Mme Collette GIKONGORO yabahaye inkoko z'inzungu, babahuguye no mu nyigisho.
- MIJESCAFOP nayo yarabasuye, Bwana MUBUMBYI wo muri Folklore, niwe wabagendereye.

IBYO BAKENEYE M'UBUHINZI

- Amasuka, imihoro, ifumbire, imbuto z'imboga

MU BWOROZI BAKENEYE :

- ibiraro by'amatungo
- Amatungo ya kijyambere

- Bakeneye kubyutsa ikigo cyo kwigishirizamo gusoma no kwandika
- Bakeneye imyambaro y'impfubyi n'iy'ababyinnyi

Mu rwego rwo gusoza icyumweru cya Giskuti, kuri Stade Regional i NYAMIRAMBO habereye imihango yo kugisoza tariki 23 Gashyantare 1997, nkuko bisanzwe mu muryango w'abaskuti mu Rwanda, byarukwizihiza isabukuru y'140 y'ivuka rya Baden-powel wahimbye umuryango w'abaskuti.

Kuva 20 - 26 Mata habaye amahugurwa ya bamwe bazigisha abandi, yabereye MURAMBI (GITARAMA). Ayo mahugurwa yahuje urubyiruko rwo mu bihugu duhana imbibi aribyo Zaïre na BURUNDI.

Mu gusoza icyumweru cya Giskuti, uwo munsi habayeho amarushanwa y'umupira y'ijonjora hagati y'amakipe y'uturere : Football, basketball na volleyball. Hariho n'urubyiruko rwaturutse mu turere (amatorero). urwa CYANGUGU, GIKONGORO, KIGALI-NGALI, KIBUYE, GITARAMA, RUHENGERI Intore za KIBUNGO n'Imivugo.

UMURYANGO W'ABAJOKE

N'umuryango udaharanira inyungu wita kubana batagira kivurira, impamvu zibakurura nuko zakemurwa, kuwa 25 Mata kugeza ku 1 Gicurasi 1997 harukwizihiza icyumweru

cy'umurimo, hari indirimbo z'urubyiruko rwabajoke rwaturutse mu turere, BUTARE, MUKARANGE, n'amatorero atandukanye.

Kuwa 28 - 30 Mata 97 habaye Seminar y'umuryango w'abajoke yarigamije kurebera hamwe uburyo abana b'inzererezi basubizwa mu buzima bwiza, no kuba bakangurira ababyeyi babo bana kumenya ko uburere bw'abana babo bubareba.

- Na Leta ikaba yagenzura kwita kukwigisha abana kuberako babakoresha imirimo batarageza ku myaka ikwiye.
- Leta kandi ikanakurikiranira hafi imikorere yabashinzwe ku kwita ku bana b'inzererezi no kugenzura imikorere yabo.

Kuwa 28 Mata 97 kuri Saint Paul habereye inama Nyunguranabitekerezo, Ikiganiro cyar'ukurebera hamwe uburyo :

- « Leta y'u Rwanda ibona imiberho y'urubyiruko muri iki gihe »
- Uruhare rw'umuryango mu gutegurira urubyiruko imibereho myiza.
- Inguzanyo mu rubyiruko ni umwe mu miti y'ibibazo by'ubukungu ruhura nabyo.
- Uburyo imiryango itagengwa na Leta ikoresha mu kugerageza kugukemura ibibazo by'urubyiruko n'icyo yagezeho (Bureau Social GITARAMA)
- Ikiganiro cya (university college cork)
- Ikiganiro « Haguruka »

Kuwa 28 kugeza kuya 30 Mata mu kigo kitiriwe Mutagatifu Paul habereye inama nyungurana bitekerezo ku mibereho myiza y'urubyiruko mur'iki gihe.

- Kuwa 25/04/97 habayeho gutangira icyumweru cy'umurimo i KIRAMBI muri Komini RUKONDO Perefegitura GIKONGORO.
- Kuwa 28-30/04/97 amarushanwa ku rwego rw'igihugu muri Centre de Formation CARDIN (JOC-KIGALI)
- Kuwa 1/05/97 kwizihiza umunsi w'umurimo dufatanije na Minisiteri y'abakozi ba Leta kuri Stade Regional i NYAMIRAMBO

Kuwa 19 Kanama 97 kugeza kuya 24, bagenderewe n'umushyitsi ariwe Bwana NESTOR Touzon, umunyamabanga wa CIJOC (ihuza bikorwa ry'umuryango w'urubyiruko rw'abakozi b'abakristu ku isi yose) ushinzwe gukurikirana akarere ka Afurika. Uwo mushyitsi yageze no kuri Minisiteri y'urubyiruko.
Ibibazo : n'iby'amikoro make y'umutungo udahagije.

UMURYANGO W'ABASAVERI (XAVERI)

N'umuryango udaharanira inyungu, uri mu gihugu hose, ufite inzego z'umuryango zikurikira :

1. Inama nkuru y'igihugu
2. Komite y'igihugu
3. Ibiro by'igihugu

A. Inama nkuru y'igihugu

N'urwego rukuru rw'umuryango w'Abasaveri ugizwe n'aba bakurikira :

1. Abayobozi muri Diosezi no mu rwego rw'igihugu
2. Abajyanama mu rwego rw'igihugu
3. Umutware n'umutwarekazi ba za Diyosezi n'abungiriza babo
4. Umutware n'umutwarekazi mu rwego rw'igihugu n'abungiriza babo
5. Umusore n'inkumi b'abasaveri ba buri Diyosezi bemerewe n'abatware bizo Diyosezi

Inama nkuru y'igihugu iterana rimwe mu mwaka.

Kuwa 28/7/97 habaye iyateguraga inama yo ku rwego rw'igihugu.
Ibyagezweho nyuma y'intambara :

- Abasaveri babashije kongera guhura no gutangira imwe mu mirimo yabo

a) - Iy'urukundo :

- Gutanga umuganda wo kubakira abasenyewe

- Gucumbikira abatagira amazu, gufasha abatishoboye babagurira udukoresho tw'ibanze uko bifite no gusurana

b) Iyagitumwa :

- Babashije gushakira no kwakira abasaveri bavuye hanze n'abatari basanzwe m'uruyu muryango.

c) Imirimo y'amajyambere :

- Babashije kwitabira amanama ya Leta n'aya Kiriziya mu rwego rwo gushakira hamwe n'abandi uko igihugu cyasanwa.
- Bagerageje kubyutsa imwe mu mishinga yabo nk'iyo ubuhinzi n'ubworozi, iy'ubudozi n'ububoshyi. Bagerageje gusana Home yo gucumbikiramo abakobwa iri i NYAMIRAMBO
- Bakoze ingando zabo z'uturere ndetse n'izimitwe hamwe na hamwe.

INGORANE : Abanyamuryango benshi barapfuye.

- Ntabayobozi bahugutse bafite
- Ntamikoro bafite nabahari
- Ntabitabira kubatera inkunga
- Ntabushobozi bwo gusana ibyangiritse

UMURYANGO W'ABAGIDE (A.G.R.)

Umuryango w'Abagide mu Rwanda, uyumuryango ni mushiki w'abaskuti. Kuwa 22/07/97, mu kigo cy'ABADACOGORA n'INTWARI munsi ya Kiliziya y'Umuryango Mutagatifu (Paroisse Sainte Famille) imbere y'amashuri abanza kuwa gatandatu habereye ibirori byo kwibuka intwari zashinze uyu muryango w'Abagide ariwe « Nyakubahwa BADEN POWELL na Madame we OLAVE »

Habereye imikino itandukanye, yabakurikira :

- Imikino y'Abagide b'i GIKONGORO
- Imikino y'Abagide n'Abaskuti bo ku KINAMBA
- Imikino y'Abagide b'i NYAMIRAMBO
- Imikino y'Abadacogora n'Intwari
- No guha abana imfashayo zakusanyijwe (cadeaux)

Kuwa 03/9/97 bahawe inzu yabo yar''i GIKONDO, yarimaze igihe ikore rwamo n'abantu batari abanyamuryango wabo bakaba barayishubijwe ku mugaragaro na Burugumesitiri.
Babara ibyasanywe n'abari bayirimo, n'agaciro kabyo.

UMURYANGO WA (Y.M.C.A.)

Uyumuryango wahawe ubuzima-gatozi n'iteka rya Minisitiri ryo kuwa 30/6/89. Nyuma y'amarorerwa yabaye mu Rwanda kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994. Abanyamuryango bashinze Y.M.C.A. barimo umuvugizi wawo bari bakiriho kandi bakiri mu gihugu,hamwe n'abandi banyamuryango, bongeye kuwubyutsa.

Icyakora abantu bamwe barimo abakozi bawo na bamwe bari mu nzego z'ubuyobozi bagiye bashaka kuwigarurira, bamwe bapfaga umutungo, n'ubuyobozi. Abashinze umuryango hamwe n'abandi banyamuryango bashyize mu gaciro babigeza muri Minisiteri y'urubyiruko, imaze kubisuzuma, yasabye mu nama yakoresheje kw'itariki ya 01/04/199 ko abanyamuryango b'ibyiciro byose bajya hamwe bakagira inama rusange, bagakemura ikibazo cy'ubuyobozi bw'umuryango. Iyonama yabaye kw 'itariki ya 10/05/97.

Kuwa 01/04/199 hari inama yabereye muri Minisiteri y'Urubyiruko yasabye abanyamuryango b'ibyiciro byose bya YMCA kugira inama rusange kuri 19/4/97 kugirango ikemura ikibazo cy'ubuyobozi mu muryango.

Kw'itariki 10/5/97 abaje munama bafashe ibyemezo bikurikira :

1. Basanze ko, ibyerekeye inteko rusangeya YMCA, ntayigeze iba k'uburyo bwemewe n'amategeko. Akaba ariyo mpamvu inama Rusange yateranye k'uburyo bwemewe n'amategeko kuko igizwe n'umuvugizi w'umuryango, n'abashinze ndetse na bamwe mu bahagarariye amashami yashyizeho Komite Nyobozi yagutse ya YMCA.

Kuwa 19 Mata k'ubuyobozi bwa YMCA habereye inama yafashe imyanzuro ikurikira :

1. Abari mu nama bemeje ko ubuyobozi bwa YMCA ari ubuhagarariwe n'umuvugizi w'umuryango.
2. Abari mu nama bashyigikiye icyemezo cya Minisiteri y'Urubyiruko cyo gutumira ibyiciro bitandukanye by'abanyamuryango, bakarema inama rusange.
3. Ku byerekeranye n'umutungo wa YMCA y'u Rwanda, iyo nama rusange niyo, imaze gushyiraho abayobozi, izemeza uburyo umutungo uzacungwa, hagataho, abawufite nibo bawubazwa.

Kuwa 01/04/97 inama yabereye m'Ubuyobozi bw'Urubyiruko yarebeye hamwe imikorere y'umuryango wa YMCA muri rusange amagambo magufi yahavugiwe, Umuyobozi w'Urubyiruko yerekanye ko amakimbirane mu muryango agomba gucyemurwa n'abanyamuryango ubwabo, byananirana inzego za Leta zibishinzwe zikaba zabyinjiramo, zigafata ibyemezo.

Bakurikije amategeko umuryango YMCA ugenderaho nkuko ari muri Statu yayo, batumije inteko rusange kugirango abanyamuryango bitorere abayobozi babo, bagamije kuva munzibacyuho, ibyo byakozwe ntawuhishwe, nta n'uhejwe mu bafite uburenganzira bose bwo

kuza muri Assemblée Générale. Amatora yarabaye, abanyamuryango bose bari abakandida ku myanya yose yari ikenewe.

UMURYANGO WA TURERERE U RWANDA

N'umuryango nyarwanda utagengwa na Leta, n'umuryango wita ku burere bw'abana ubinyujije mu nzego zisanzwe zo hasi mu muryango, twakwita :

- « Amatorero Turerere u Rwanda ». Gahunda y'umuryango muri rusange ikubiye mu byiciro bitatu aribyo :
  - Kwita ku bana batarageza ku myaka yo kwiga (ikiburamwaka ku bataratangira amashuri abanza, kurera abato cyane bataratangira ikiburamwaka).
  - Kwita kubana bari mu ngorane (abana b'inzererezi abatazi gusoma no kwandika, kubigisha imyuga, gushakira imiryango abana batagira kivurira.
  - Kwita ku bana mu rwego rw'umuco no mu myidagaduro (imyitozo ngororangingo, imikino n'ibikorwa bijyanye n'umuco (ingando)

Tariki ya 29 Kamena 97 Komite Nyobozi y'umuryango ya mbere nibwo yacyuye igihe. Komite Nyobozi ya Turerere u Rwanda yashinze ubuyobozi bw'umuryango ku rwego rwa Komini cumi n'imwe. Kuwa 28/6/97 habaye inama Rusange y'umuryango wa E/R Turerere u Rwanda ku cyicaro cy'umuryango w'urubyiruko w'Abajoke (JOC).

IBYO BATEGANYA GUKORA :

Har'imishinga 10 iri muri gahunda y'imyaka ibiri (1997 - 1998) :

- Gutegura inama ku burere n'imibereho myiza y'urubyiruko
- Gahunda yo gukangurira abanyarwanda uburenganzira bw'umwana
- Gusohora buri kwezi ikinyamakuru « KURA NEZA »
- Umushinga wita ku bana bato cyane
- Umushinga « IMBONEZA BURERE »
- Kwigisha imyuga
- Ingando zo mu biruhuko
- Gushyigikira ibikorwa by'amashami y'umuryango
- imikino ya « Turerere u Rwanda »

UMURYANGO WA JEUNESSE POUR CHRIST AU RWANDA (J.P.C.R.) :

N'umuryango ufite intego yo kugeza ubutumwa bwiza bwa Kristo Yesu kurubyiruko rwose rw'u Rwanda. Ufatanije n'amatorero akorera mu gihugu. Kandi uteza imbere ibikorwa bigamije imibereho myiza y'urubyiruko.
Inzego z'umuryango : n'Inama y'Igihugu n'Inama y'Ubuyobozi. Inama y'igihugu n'urwego rw'ikirenga rw'umuryango.
Kuwa 16 Kugeza 21 k'uwagatatu 1997 ku cyicaro cy'ishuri ry'abasomyi ba Bibiliya KACYIRU habereye Semina yar'igamije ubumwe n'ubwiyunge, n'amahoro tugomba guharanira.
Barebeye hamwe ibintu bitanu (5) uruhare byagiye bigira mw'itsembabwoko n'itsembatsemba :

1. UBUTUNZI
2. AMADINI
3. AMATEKA Y'U RWANDA
4. UBURERE

5. UMUCO

Twabonye ko hakoreshejwe nko kwishakira indamuko, kuko hari kwerekana ububi bwa bamwe hagahishwa ubw'abandi kandi yuko AMATEKA yazaga ar'ihame ntawuyavugurura.

- Habura ubumwe bwahuzaga abanyarwanda, kubera ko umuzungu yazanye idini, kugirango yimenyereze umunyarwanda basabane, kandi amwumve ibitekerezo. Mu idini niho yuririye kandi yaragamije inyungu ze bwite.
- Umuco nawo wabuze mu banyarwanda bitewe no gutandukanya indimi z'uturere dukomokamo nka NDUGA, RUCYIGA.
- Bityo uburere bupfuye nabwo bukitirirwa urubyiruko barwigisha kwicana, bavuga kobabahugura.

<u>IBIBAZO IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO IHURA NABYO :</u>

- Kutagira amikoro ahagije
- Kutagira ibiro byo gukoreramo
- Kudasurwa na Minisiteri y'Urubyiruko

Imiryango itavuzweho, simfite Raporo na information zayo zihagije. Imwe yakoreraga mu bwihisho indi niyo igitangira ikeneye gusurwa tukamenya ibikorwa byayo.

<u>IBIBAZO MPURA NABYO MU KAZI NK'USHINZWE GUKURIKIRANA IBIKORWA BY'IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO</u>

1. Nkeneye undi muntu ushobora kujya amfasha mu kazi
2. Nkeneye uburyo buhagije bwo gutuma nsura iyo miryango kuko bikenewe, hari imiryango imwe n'imwe usanga ntazi ibikorwa byayo ar'ukutamenya naho ikorera ah'ariho kandi ari zimwe mu nshingano zange. No kuba twayiha gahunda y'ibikorwa bigendanye n'ibihe tugezemo, kuko usanga imiryango y'ikorera ibitandukanye. Kubera kudahabwa amabwiriza nagahunda ya Minisiteri y'Urubyiruko.

Service Mouvement des Jeunes

KAYITESI Immaculée

[signature]

Urgent

- Heads - Divisions
- Coordinators ba projects

Musabwe kuzazana ibi bivugwa
Mu bakozi banyu yasiga Munama
tuzagirana kuri 31/12/97


**MINISTERE DE LA JEUNESSE,**
**DES SPORTS, DE LA CULTURE**
**ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE**
**B.P. 1044**
**KIGALI**


**Kigali, le 23/12/1997**

N° 1445/21-00

Mus.
29/12/97

V- Monsieur le Directeur de la Jeunesse
- Monsieur le Directeur des Sports
- Monsieur le Directeur de la Formation Professionnelle
- Madame la Directrice des Services Généraux

MIJESCAFOP
KIGALI

**OBJET: - Rapport d' activités 1997**
**- Signalement du personnel 1997**

Il vous est demandé de penser à mettre au point le rapport d'activités et le signalement du personnel de votre Direction pour l'exercice 1997.

Le rapport d'activités suivra le canevas suivant:

1. Activités prévues pour l'année 1997
2. Activités réalisées
3. Activités non réalisées
4. Difficultés rencontrées ou contraintes
5. Voies de solution pour y remédier
6. Activités prévues pour 1998, en référence au plan d'Action de la Direction

Il est à noter que l' octroi d'un congé annuel pour tel ou tel autre Cadre ou Agent n'impliquera pas la dispense de l'objet de la présente note.

La date du 31/12/1997 constitue le délai raisonnable indiqué pour le travail demandé.

**Le Secrétaire Général du MIJESCAFOP**
**KABANDANA Marc**

**C.p.I.**
Ministre de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle
Kigali

Urgent

**MINISTERE DE LA JEUNESSE,**
**DES SPORTS, DE LA CULTURE**
**ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE**
**B.P. 1044**
**KIGALI**

**Kigali, le 23/12/1997**
**N° 1445/21-00**

• Heads - Divisions
• Coordinators ba projects
Musabwe kuzazana ibi bivugwa mu bamwa y'isi ya Munama tu zagize kuri 31/12/97

29/12/97

- Monsieur le Directeur de la Jeunesse
- Monsieur le Directeur des Sports
- Monsieur le Directeur de la Formation Professionnelle
-Madame la Directrice des Services Généraux
MIJESCAFOP
KIGALI

**OBJET: - Rapport d' activités 1997**
**- Signalement du personnel 1997**

Il vous est demandé de penser à mettre au point le rapport d'activités et le signalement du personnel de votre Direction pour l'exercice 1997.

Le rapport d'activités suivra le canevas suivant:

1. Activités prévues pour l'année 1997
2. Activités réalisées
3. Activités non réalisées
4. Difficultés rencontrées ou contraintes
5. Voies de solution pour y remédier
6. Activités prévues pour 1998; en référence au plan d'Action de la Direction

Il est à noter que l' octroi d'un congé annuel pour tel ou tel autre Cadre ou Agent n'impliquera pas la dispense de l'objet de la présente note.

La date du 31/12/1997 constitue le délai raisonnable indiqué pour le travail demandé.

**Le Secrétaire Général du MIJESCAFOP**
**KABANDANA Marc**

**C.p.I.**
Ministre de la Jeunesse,
des Sports, de la Culture
et de la Formation Professionnelle
Kigali

Urgent

- Heads - Divisions
- Coordinators ba projects

Musabwe kuzazana ibi birugu
Mu bannwa y'i S.G Mu nama
tuzagirana na kuri 31/12/97
Nº 1445/21-00
mus.
29/12/97

**MINISTERE DE LA JEUNESSE,**
**DES SPORTS, DE LA CULTURE**
**ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE**
**B.P. 1044**
**<u>KIGALI</u>**

**Kigali, le 23/12/1997**

V- Monsieur le Directeur de la Jeunesse
- Monsieur le Directeur des Sports
- Monsieur le Directeur de la Formation Professionnelle
-Madame la Directrice des Services Généraux
MIJESCAFOP
<u>KIGALI</u>

**<u>OBJET:</u> - Rapport d' activités 1997**
**- Signalement du personnel 1997**

Il vous est demandé de penser à mettre au point le rapport d'activités et le signalement du personnel de votre Direction pour l'exercice 1997.

Le rapport d'activités suivra le canevas suivant:

1. Activités prévues pour l'année 1997
2. Activités réalisées
3. Activités non réalisées
4. Difficultés rencontrées ou contraintes
5. Voies de solution pour y remédier
6. Activités prévues pour 1998, en référence au plan d'Action de la Direction

Il est à noter que l' octroi d'un congé annuel pour tel ou tel autre Cadre ou Agent n'impliquera pas la dispense de l'objet de la présente note.

La date du 31/12/1997 constitue le délai raisonnable indiqué pour le travail demandé.

**Le Secrétaire Général du**
**MIJESCAFOP**
**KABANDANA Marc**

**<u>C.p.I.</u>**
Ministre de la Jeunesse,
des Sports, de la Culture
et de la Formation Professionnelle
Kigali